Ukwezi Kw'Imyiteguro Mu Gihugu: Kwitegura Ibiza Ubutazi

Waba witeguye mu gihe habaho ikiza? Waba warateguye ibikoresho y'ubutabazi? Umuryango waba ufite icyo wateguye?

Nzeri ni Ukwezi Kw'Imyiteguro Mu Gihugu. Izi ni zimwe mu nama z'ukuntu wakwitegura ikiza runaka— ku makuru yisumbuyeho n'ahandi wayakura, sura ready.gov!

Hora Ufite Amakuru:

- Genzura Isoko y'Amakuru Yizewe: Hoza ijisho ku makuru y'iteganyagihe n'umuburo utanzwe n'inzego zizewe nk'Urwego Rushinzwe Iteganyagihe cyangwa inzego z'ibanze zishinzwe gukumira ibiza.
- Amatangazo y'Intabaza: Ifashishe amaradiyo, apurikasiyo za telefone zigezweho n'ubutumwa buburira kugira ngo ujye ubonera amakuru n'imiburo ku gihe.

Shyiraho Gahunda y'Ubutabazi y'Umuryango:

- Ingamba zo Guhana Amakuru: Mushyireho umwe mu bagize umuryango muhurizaho amakuru. Muhamye neza ko buri wese azi uburyo bwo kugera kuri uyu muntu n'aho mwahurira mu gihe cyo kwitegura.
- Inzira z'Ubuhungiro: Mutegure inzira nkuru n'izizunganira zafasha kugera ahantu hatekanye, mutekereza ku ifungwa ry'umuhanda n'umuvundo w'ibinyabiziga.
- Ibikenewe Byihariye: Muri gahunda yanyu mwite ku bagize umuryango bari mu zabukuru, abana bato n'abafite ubumuga.

Mwubake Ibikoresho by'Ubutabazi:

- Ibikoresho by'Ingenzi: Harimo amazi, ibiryo bidapfa, imiti, ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze, itoroshi, amabuye n'ibikoresho by'isuku.
- Gutoranya: Toranya ibikoresho bijyanye n'ibyo umuryango wawe ukeneye byihariye, harimo imiti, ibikoresho by'abana n'iby'ingenzi ku matungo yo mu rugo.
- Kugenzura bihoraho: Genzura kandi uvugururure ibikoresho byawe nibura buri mwaka kugira ngo wizere neza ko ibikoresho byose bikora neza ndetse bitarengeje igihe.

Tegura Gahunda yo Guhunga:

- Aho Guhurira: Shyireho ahantu hafi yanyu cyangwa hanze y'umujyi ho guhurira igihe byabaho ko abagize umuryango batatana mu gihe cyo guhunga.
- Ubwikingo Bwa Hafi Cyane: Emeza aho wowe n'umuryango wawe muzashakira aho kwikinga ubwo iwawe hazaba hatagitekanye.
- Gutwara ibintu: Emeza ibinyabiziga muzafata muhunga kandi umenye neza ko bifite ibikoresho by'ubutabazi.
- Abo Guhamagara: Kora urutonde rw'abantu bo guhamagara mu mage, barimo umuryango, inshuti n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze. Urutonde rwabo rubike ku rupapuro no mu ikoranabuhanga byombi.

Komeza Gukorana na Sosiyete Yawe.

- Ibikwegereye: Imenyekanishe ku nzego z'ibanze zitanga serivisi z'ubutabazi, ubwikingo n'imiryango ishobora gutanga ubufasha mu bihe by'ibiza.
- Imiteguro ya Sosiyete: Garagara cyangwa usubire muri gahunda zo guhangana n'ibiza aho utuye. Menya uko abo muturanye bazahuza imbaraga mu gihe cy'ibibazo.

Ukeneye kubna amakuru yisumbuyeho ku guhangana n'ibiza runaka, kanda hano.

Indi miyoboro y'ingenzi mu kwitegura ibihe bidasanzwe:

- Amakuru rusange ku kwitegura ibiza: Ready.gov
- Gushyiraho Gahunda y'Ubutabazi: Urugero fatizo
- Menya ibijyanye n'ubwishingizi bw'abakodesha: United Policyholders Guide